Ikiganiro Porofesori Gasana Anastazi yagiranye n'umunyakuru Bamwanga wa Radio Rwanda (Kigali, 21/10/1990) 1403

Ikibazo : Profeseri Gasana ukaba n'umukuru w'umurimo yerekeje iby'ubuhanga muri Perezidansi ya Muvoma, ntiwatubwira mu buryo bw'impuguke ibya kiriya gitero inyangarwanda zagabye mu Mutara, mbese ngo utubwire imiterere ya cyo?

Igisubizo : Mu gusobanura impamvu za kiriya gitero inyangarwanda zagabye mu Mutara, zo zikunze gushyira imbere ikibazo cy'imibereho y'impunzi z'Abanyarwanda mu mahanga Impamvu z'ukuri za kiriya gitero rero ntabwo gishingiye ku mibereho y'impunzi mu mahanga Impamvu z'ukuri zishingiye kuri politiki, ku nyota y'ubutegetsi bwa cyami na gihake baniwe mu mpunzi z'Abanyarwanda bashaka kugarura mu Rwanda kandi ubwo butegetsi bwarasezerewe n'urubanda nyamwinshi muri Kamarampaka yabaye tariki ya 25 z'ukwezi kwa cyenda 1961 ihagarikiwe n'Umuryango w'Abibumbye

Iyaba cyari ikibazo cy'ubucuruma n'imibereho y'Abanyarwanda bagiye gutembera (gukorera) amafaranga no gushaka amaronko igihe Ubuganda bwari bumeze neza bahita Bwongereza, na bo wasanga bafatanyije na bariya bateye u Rwanda mu gutera Rwaserera no guteza intugunda mu Rwanda Kuba rero bo batabyivangamo, kandi na bo ni benshi cyane mu Buganda no muri Zayire nk'i Gatanga ho muri Shaba, biragaragara ko ikibazo cy'ubutambara yo mu Mutara gifite intandaro muri politiki y'abagitsimbaraye ku butegetsi bwa gihake n'abashaka kwihimura kuri Revolution ya 59 Ikibazo rero si uko babuze ibyo barya, iyo baba, si uko babuze iyo batura, si uko babuze icyo bakora, si uko babuze akazi, si uko babuze uko biga n'iyo baba, ikibazo ni uko bashaka ubutegetsi nta kindi

Ikibazo : *Porofesori Gasana mu maze kudusobanurira ko ikibazo gifite imizi ya cyo muri politiki, ntimwatubwira iyo politiki iyo ari yo ?*

Igisubizo : Impamvu ya mbere ya kiriya gitero nk'uko maze kubikomozaho gato mu kanya, ni uko impunzi z'Abanyarwanda zitigeze na rimwe zemera revolisiyo yo muri 1959, demokarasi y'itariki 28 Mutarama 1961 n'itora rya Kamarampaka ryo ku ya 25 z'ukwa cyenda 1961 na none Ikibyerekana ni uko guhera mu wa 1960 Leta y'u Rwanda yashyizeho Minisiteri ishinzwe impunzi, zisabwa gutahuka aniko zo ubwazo ziranga zihitamo kugambanira u Rwanda no kurutera kuva icyo gihe kugeza mu wa 1967.

Iyi migambi rero zari zifite icyo gihe ni yo yo kwihimura kuri revolisiyo ya 59 kugira ngo bagarure ingoma ya cyami mu Rwanda n'ibijyana na yo byose. Ibyo ariko mbona ari uguta igihe kuko ari ibintu abanyarwanda banze ku mugaragaro binyuzijwe mu nzira y'amatora yahagarikiwe n'umuryango w'Abibumbye ONU. Numva rero ko ari abatumage ari na LONI, bose ntawasubira inyuma Ubutegetsi bwa cyami na gihake abatumage 80% banze binyuze mu matora imbere y'umuryango w'ababibumbye, nta kuntu wabuga ura mu gihugu n'iyo waba witwa Inkotanyi ufite inkota, imbunda n'amasasu, cyangwa ufite intwaro zingana zite Intandaro ya 2 ya kiriya gitero iyo umuntu yitegereje neza, ayisanga mu bibazo byo mu gihugu cya Uganda na Perezida wa cyo bafite ubwa bo

Perezida wa Uganda ngo yaba yarariye umwenda w'inkuba none agashaka kuwishyura aniko asunikira mu Rwanda kugira ngo hatazavaho hagira umenya iby'uwo mwenda afitiye impunzi z'abanyarwanda ngo zamufashije gufata ubutegetsi muri Uganda, bityo hakagira n'umenya uko yawishyuye, uretse we n'abo awubereyemo.

Perezida wa Uganda na none iyo uslushoje neza ugasesengura, ashobora kuba afite ibibazo n'ubwoko bw'abaganda bo kwa Obote n'andi moko yo mu majyaruguru y'igihugu cye iyo ba General Okelo na Amani Dada bakomoka Abo bose bakaba barishumiye ko ingabo z'igihugu cyabo ziganjemo kandi zikaba zitegekwa n'impunzi z'abanyarwanda. Muzi ko kuba mu ngabo z'igihugu icyo ari cyo cyose bitanga umushahara, mbese ko ari umurimo utunze abantu ukanabatungira ababo n'umuryango yabo. Birumvikana rero ko ubwo bwiganze

'abanyarwanda mu basirikare no mu mapeti y'ingabo za Uganda bitashimisha abenegihugu
)o bifuza kubona icyababeshaho bo n'imiryango yabo bakoze ako kazi. Ku muntu wese
umwenegihugu watekereza atyo, ibyo birumvikana

)a rero Perezida wa Uganda afite ibibazo mu gihugu cye rwagati nk'uko umuntu ushishoje
a abibona, nabishakikre muti hagati mu gihugu cye n'abaturage be Biti hi se, nabivuge
nugaragaro ko afite ibibazo asabe amahanga n'ibihugu by'inshuti kumufasha aho
,rango ashake kubihishahisha asunikira ku mayeri mu Rwanda yizera ko amahanga
)imenya.

ucukumbuye neza ibi bitekerezo byose, usanga muby'ukuri u Rwanda rwaratewe na
anda kuko inyangarwanda zaruteye zigize ingabo zi'igihugu cya Uganda, zikaba izhembwa
ishahara wa buri kwezi n'igihugu cya Uganda, zamabaye imyenda ya gisirikare ya
anda, zikoresho ibikoresho bya gisirikare bya Uganda nk'imbunda, imodoka n'ibindi kandi
iba zigemurirwa n'icyo gihugu ari ibiribwa ari intwaro. Nta kuntu waba uri Umugaba
igabo nk'uko Perezida Museveni ari umugaba w'ingabo za Uganda ngo uhamye ngo
'kari bawe ibihumbi 10 baraguciise. Ntibishoboka. Niyo waba umwe wabimenya
rangiza kandi ntubahane ngo ubambure amapeti bafite kuko basuzuguye ngo unabasyire
rukiko rwa gisirikare rubacire urubanza. Bariya bantu bateye u Rwanda umuntu
bazaho byinshi. Mu gihe bagize ingabo z'igihugu cya Uganda, umuntu yakwibaza niba
iri abanyarwanda Ubundi kandi tuzi ko kugirango umuntu ajye mu ngabo z'igihugu
ka agomba kuba ari umwenegihugu Bariya bantu rero bagize umutwe w'ingabo
ihugu cya Uganda witwa « Inkotanyi » jye nibaza niba bakiri abanyarwanda kandi bagize
bo z'igihugu cya Uganda Ninayo mpamvu jye nkomeza kwemeza ko u Rwanda rwatewe
ce kimwe cy'ingabo za Uganda ziyobowe n'abasirikare bakuru bo mu ngabo z'igihugu
Uganda.

nutse rero bibaye ngombwa ko Leta y'u Rwanda yagira imishyikirano kugirango
noro n'ubwizerane bigaruke k'umupaka w'ibihugu byombi, iyo mishyikirano Leta y'u
nda yayigirna na Leta ya Uganda, ariko iyo mishyikirano ikaba ari uko Leta ya Uganda
e gukura kubutaka bw'u Rwanda abasirikare bayo bose yashoye mu Mutara ho mu
aruguru y'u Rwanda.

va rero igihugu cya Uganda kigomba kwisobanura imbere y'umuryango
abibumbye kandi kigakura boidatsinze babasirikare bacyo cyashumuriye mu Mutara ho
ajyaruguru nk'uko maze kubivuga. Numvis eko hari n'umutwe cyangwa se imitwe
sirikare b'ibihugu bigize umuryango w'ubukungu w'i Burayi baza guhagarara hagati.
ti yande na nde se ? Abo basirikikare b'amahanga bo guhagarara hagati baramutse
e ngombwa bahagarara hagati y'u Rwanda na Uganda, ni ukuvuga k'umupaka
ugu byombi kugirango babasirikare bagize ingabo za Uganda icyo gihugu kizaba
ubije iwacyo batavaho bongera kwisuka mu Mutara kubutaka bw'u Rwanda Batazaho
ra « gutoroka »perezida Museveni

zo : Uwo mutwe w'ingabo za Uganda witwa Inkotanyi wateye u Rwanda ufite migambi

)izo : Imigambi y'inkotanyi ni ukuvuga inkota mu Rwanda, amaraso akameneka,
u kigacura imiborogo, kugeeza igihe izo nkotanyi zigereye kubutegetsi. Mbese
getsi bw'igihugu bushingiye ku nkota, ngiyo intego yabo. Umuntu rero yakwibaza
u abantu baje kuvuza inkota mu Rwanda aniwo mugambi wabo, barangiza bagashaka

K0267308

1105

:ubeshya rubanda ngo babazaniye demoka-asi no kwishyira ukizana Waza wic , wicisha nkota, imbunda, umena amaraso y'abana b'u Rwanda nyuma uti nuye mizero 'abanyarwanda ? Ibyo ni kinyoma. Nta muntu kwihandagaza ngo avuge ngo a uniye abantu lemokarasi, ntibibaho, keretse umuntu udatgekereza cyangwa se utekereza nabi nk'inkotanyi Demokarasi ni abaturage ubwabo bayishakira. Abanyarwanda rero demokarasi barayishakiye ugiti cyabo tariki ya 28/1/1961. Bamaze imyaka 30 muri demokarasi, bamaze imyaka 30 bitorera abategetsi. Dore muri 88 bitoreye perezida wa Repuburika n'abadepite. muri uyu nwaka wa 1990 abanyarwanda bitoreye abajyanama ba makomini n'aba resipc sabure ba za elire. Imyaka 17 abanyarwanda bamaze mu nzira y'ubumwe n'amahoro yego i myinshi cyane ariko si na nicye. Ako kantu k'ubwumvikane, k'ubufatanye mubanyarwanda no nwirinda amacakubiri karafashe muri iyi myaka 17 ya Repuburika ya 2 na 15 ya Muvoma 'abitoje igihugu cyose kuburyo gupfa gushaka kubameneramo bitoroshye Abanyarwanda barabigaraje kuva igihugu cyaterwa n'abanzi baturutse mu Bugande bashaka guteranya moko n'uturere ngo basubiranemo, ariko abanyarwanda barangiye kuko bazi neza ko umwanzi yateye igihugu cyose atateye ubwoko ubu n'ubu ngo areke ubundi cyangwa se akarere aka n'aka ngo areke ahandi.

Abanyarwanda rero bashyize hamwe muri demokarasi ku giti cyabo, bakaba barahagaze bwuma numa y'abo bitoreye ubwabo kuva kubagiz komite za selire aribo ba resipo-sabure ba selire ageza kuri Nyakubahwa Perezida wa Repeburika

Ntakizabasubiza inyuma rero muri urwo rwego cyaba inkota cyaba imbunda. Inigambi y'inkotanyi zateye u Rwanda zishaka kugarura ingoma ya cyami na gihake mu Rwanda, abanyarwanda baba abahutu, baba abatutsi n'abatwa batercye iheru rugikubita Rwose icyo ni gitekerezo gishaje kandi kikdashobora gufata na rimwe mu Rwanda. Erega ni n'ugomba kwibagirwa ko ubutegetsi ari ubw'abaturage akaba ari nabo babugaba. Iyo ni o demokarasi Naho ubushingiye ku nkota, imbunda n'amasasu ubwo uta ntebe 'ateze mu Rwanda mu gihe tugezemo

Kibazo : Mbese ubunsi Milita porofeseri ko bariya bantu bateye u Rwanda b' nwe babita mpunzi, abandi inyangarwanda, bandi inyenzi. Ayo magambo yose ahuriza he, atandukanira ne ?

Gisubizo . Ijambo impunzi rituruka ku gushinga Guhunga, ukava aho wari utuye ukajya handi, ukava mu gihugu cyawe ukajya mu kindi Nigeze kukubwira ko abanyarwanda bibere bahunze muri 59 igihe rubanda nyamwinshi yivumbatanyaga igaragaza ko idashaka ubutegetsi bwa cyami bushingiye kuri gihake no gukandamiza baturage. Icyo gihe rero abari bashyigikikye ubuhake n'ubuja, n'uburetwa mu gihugu banze demokarasi na repeburika bahitamo guhunga no kudahunguka, bibera batyo impunzi haba mu bihugu bidukikije haba n'ahandi mu mahanga. Hari n'abahunze muri 73 mu mvururu zakongejwe n'iz'i Burundi zo muri 72 n'abahunze amahoro n'ubumwe muri 90 none ngo nibo bashaka kuzana amahoro emokarasi mu Rwanda bamaze gutwika inzu

Jambo inyenzi ni umutwe w'impunzi wiyemeje gufata intwaro kuva muri 63 no kurwanya u Rwanda kugirango uruvutse ubwingenge na Repeburika Mbese inyenzi zo muri 63, 64, 65, 66, 67 n'izo cyane. Ni abantu banga u Rwanda cyane bashaka kurukorera ibibi byose bibaho, kuruvutsa ubumwe, amahoro n'amajyambere rwari rumaze kugera ho muri iyi myaka 30 shize. Wigeze kumbaza uti ese izina nkwiye bariya bantu bateye u Rwanda ni irihe ? Izina ijyanye neza n'icyo bari cyo n'ibyo bakora ni Inyangarwanda kuko nk'uko nabisobanuye, bariya bantu ni abasirikari bagize ingabo z'igihugu cya Uganda, bafite imyenda ya gisirikari n'izo ngabo, bagaburirwa n'icyo gihugu bakabagezaho ibyangombwa byose bakeneye byaba

Abirubwa, byaba intwaro, byaba umushahara w'ukwezi, byaba n'abari yamakuru b'amahanga baza mu Mutara kubareba no kubamamaza kmu Burayi n'ahandi Ibyo byose isôko yabyo iri Kampala mu murwa mukuru wa Uganda Uwo mutwe w'ingabo za Uganda reto witwa Inkotanyi ugizwe n'impunzi z'abanyarwanda ziri mu ngabo z'igihugu cya Uganda n'abandi basirikari bagenzi babo badafite inkomoko mu Rwanda Abo bose iyo ubakotanyirije hamwe rero usanga ari inyangarwanda, ari abanzi b'u Rwanda, abantu batifuriza narimwe amahoro u Rwanda n'abaturage barwo, baba Abahutu, baba Abatwa, baba Abatutsi

Ikibazo Uko mubona umuti wa burya bintu waba uwuhe ?

Igisubizo : Nk'uko nabivuze, u Rwanda rwatewe n'umutwe w'ingabo z'igihugu za Uganda Uganda igomba kwisobanura imbere y'umuryango w'Afrika n'umuryango w'Abibumbye, igasobanura impamvu yazituriye zimwe mu ngabo zayo k'ubutaka bw'u Rwanda Birababaje rwose kumva ko Uganda ivuga ngo u Rwanda rwaholoteye ikirere cya Uganda ngo indege yacu y'intambara yavogereye ikirere cyabo kandi aribo baduteye. Icyo kirego cya Uganda iyo cyarambabaje cyane kubona umuntu agutera yarangiza akaba ariwe ujya kukurega ngo wamuholoteye, ngo wamuvogereye kandi ariwe nyirabayazana.

Kuri iyo rero Uganda gukura vuba bidatinze absirikare bayo bashinguriye ku butaka bw'u Rwanda mu Mutara, Uganda yamara kubahakura nta n'umwe ukiharangwa hakaiya ku mupaka w'u Rwanda na Uganda, umutwe w'abasirikari w'ibihugu byinze ubumwe mu guhahirana n'ubucuruzi by'i Burayi, noneho imishyikirano igatangira hagati y'u Rwanda, Uganda n'ibindi bihugu byose bifite rwabyo impunzi z'abanyarwanda aribyo u Burundi, Zayire, Kenya n'ibindi None ho nyuma hakaba ibarura rihagarikiwe n'umuryango Mpuzamahanga witwa ku mpunzi ry'abashaka guhunguka, abashaka kwigumira iyo bari bagafata ubwenegihugu bwabo, n'abashaka kugumayo ariko banashaka gukomeza ubwenegihugu nyarwanda

Iryo barura ryarangira, amahanga n'ibihugu by'inshuti bigafasha u Rwanda gutahura ababishaka bose, kubashakira ikigomba kubatunga (ibirubwa) kubaka ibitaro n'amavuriro, kuyashakira abakozi, kubaka amashuri y'abana no kuyaha abarimu babishoboye, n'ibindi n'ibindi bijyanye n'ikibazo cy'abantu benshi baziye icyarimwe mu gihugu bitari basanzwe babamo. Nkaba rero nakwizera ko uburyo abanyarwanda bitabiriye kwamamaza ikibazo cy'inkotanyi ari nako bazitabira gufasha u Rwanda mu gutahura abanyarwanda b'impunzi babishaka bazaba babigaragaje mu ibarura, no kumvisha abadashaka gutaha ku bwende bwabo ko birangiriye aho batazongeta gushoza na rimwe intambara mu gihugu »

Ubwanditsi